ASSOCIATION DES PARENTS POUR L' EDUCATION (A.P.E)
GROUPE SCOLAIRE APE RUGUNGA
NYARUGENGE - KIYOVU/ KN 16 AV 63
*E-MAIL : aperugunga2002@yahoo.fr*
0799366417/0799366418

EXECUTIVE COMMITTEE OFFICE

# UKO UBUYOBOZI BW'UMURYANGO BUBONA IKIBAZO CYUGARIJE APE RUGUNGA MU NAMA YAHUJE ABAGIZE BIRO YA KOMITE NYOBOZI YO KUWA 4/2/2023

## ISOBANURAMPAMVU

Taliki ya 8/1/2023 hateranye inama y'inteko rusange y'umuryango APE Rugunga iza gusoza abanyamuryango bamwe bayivuyanze bitwaje amakuru adafite aho ahuriye n'ukuri.
**Ibi bibazo bitangira mu mpera 2018 ubwo komite Nyobozi yari iriho yakoze umushinga wo gutanga ikigo ho ingwate ngo baguze miliyari 5 bavugaga ko ari izo kubaka amazu yo guturamo kandi inguzanyo ikaba ngo yaragombaga guturuka hanze.**
Icyo gihe uwari umuyobozi w'ishuri **Nyakwigendera Bwana SAIDON Christian** yasabye ko ibyo bintu byaba byiza bikozwe ar'uko Inteko rusange yabimenyeshejwe.
Yahise asezererwa mu biruhuko ntihagira umenya icyabaye, ikindi icyo gihe barwanaga no kuguza manda yabo yari yararangiye. (cfr ibaruwa Bwa Saidon yandikiye Perezida wa APE mu mpera za 2018
Abari bagize iyo komite bakomeje kurwana no gushaka gufata iyo nguzanyo nyuma y'igenda rya SAIDON Christian bigera ubwo hatorwaga indi manda muri **mutarama 2022** hatorwa Mme DUSINGIZIMANA Mediatrice ariko abari barangije Manda bamusaba gukurikirana uwo mushinga w'ibanga bari baratangije inteko rusange itabizi.
Mu bushishozi bwa Komite yasanze uwo mushinga ushobora kugusha ikigo burundu kuko harimo ko inguzanyo izatangwa mu madorali. Izi mvururu bikaba bikekwa ko zishingiye ku bakomisiyoneri b'uyu mushinga kuko aribo barimo kurwana ngo bagaruke mu buyobozi bitwaje amakuru y'ibihuha bagenda baha ababyeyi ndetse n'inzego zitandukanye bitwaje ko baziranye na bamwe mu baziyobora
**<u>Habaye inama ebyiri mu gushakira iki kibazo umuti</u>**

1) Iya mbere yahuje inzego zose guhera ku mudugudu kugeza ku rwego rw'akarere kandi hari imyanzuro yasohoye
2) Icyatangaje abakwirakwiza ibihuha, ikibazo bakigejeje kuri RGB ngo idukorere ubuhuza ku rutonde rwariho abantu 120 hatanasinye nibura ½ cyabo gusa icyagaragaye ntabwo hakozwe ubuhuza kuko humviswe gusa uruhande rwagumutse.

3) Ikindi cyatweretse ko RGB ibogamye ni uburyo yadutumiye mu buhuza igatumira amakomite yose ya APE RUGUNGA igatumira n'uwahoze ari umukozi wa APE Rugunga wirukanwe kubera ibyaha bikomeye yakoze bituma umukozi yirukanwa nta nteguza.

- Hari amakosa menshi yakozwe na Komite twasimbuye twari tunagikurikirana harimo ko guhera 2015 kugeza 2019 ikigo cyahembaga decouvert mu mezi asoza umwaka kandi abanyeshuri batari baragabanutse ku buryo byagera aho GS APE ibura ubushobozi bwo guhemba none ubu bakaba barimo gukurura imvururu nyuma y'umwaka umwe gusa turwana no gushyira ibintu ku murongo
- RGB yaje mu kibazo hari urundi rwego rwakiganiriyeho ariko ntibigeze banasaba imyanzuro yafatiwe muri iyo nama yabanje ikigeretse kuri ibyo inatumira umukozi wirukanwe bigaragaza ko nayo igaragara mu guteza ikibazo aho kugishakira umuti

**Uko inama ya Biro ya komite yagenze n'imyanzuro yayifatiwemo**

Yatangiye itinzeho gato I saa cyanda na mirongo (15.40) mu rwego rwo gutegereza abandi.

**Ingingo:**

1. **Gusesengura ibibazo byabangamiye imigendekere myiza y'inama y'inteko rusange yo ku wa 08/01/2023 no gufataniziriza hamwe kubishakira ibisubizo.**
   a. **Gutangaza amakuru y'ibinyoma** hitwajwe umwanya ufite mu nzego z'ubuyobozi bw'umuryango byakozwe na Komisiyo Ngenzuzi. Ibi kandi byaje mu gihe bagaragaje ko batashyizwe kuri gahunda y'inama kandi baratumiwe mu nama yo ku wa 31/12/2022 itegura inteko rusange ntibayitabire kandi ntibagaragaze impamvu byose bigamije kuguteza imvururu mu nama nkuko babyigambaga mu makuru twahawe.
      i. Mu bigaragara bisa nkaho nta genzura ryakozwe ahubwo bisa nkaho ari raporo baje kugenzura baramaze kuyikora ikindi urwego rwagombaga guhabwa raporo ngo ruyiganireho n'abagenzuzi rukaba rutarayihawe. Hatagaragajwe ibyabuze mu igenzura kandi batarigeze bagaragaza ibyo bavuga ko bidahari ngo bishakwe nuwo umuryango wari wagennye kubafasha mu kwegeranya ibikenewe (comptable w'ikigo) kuko ariko amabwiriza y'igenzura abivuga
      ii. Igenzura ryakozwe ku gihe cyo kuva mu kwa mbere 2019 kugeza kuwa 25 Werurwe 2022 bivuze ko amezi ya manda ya komite ziriho ubu ari ukwezi kumwe n'igice gusa

iii. **Iri genzura hari aho turihuriza n'itumizwa ry'umukozi wari warirukanwe mu nama y'ubuhuza bwa APE RUGUNGA kuko amadosiye abagenzuzi bavuga ko babuze mu by'ukuri arahari ahubwo yabonetse aho yari yarahishwe mu biro by'uwo muyobozi igihe yari amaze kwirukanwa asubizwa mu bubiko bwayo** (kugira ngo muzagenzure ibyo duhamya muzafate raporo y'ibyo bagaragaza ko bidahari muzasanga biri mu bubiko gusa bahise bahamya ko bidahari kuko bari bari kuri mission y'uwabatumye)

iv. Nyuma y'imvururu zabaye ndetse zigatuma inama y'inteko rusange yo ku wa 08/01/2023 idasoza neza nkuko byari byitezwe; abaziteje ariyo Komisiyo Ngenzuzi bakurikijeho guhanga urubuga nkoranyambaga rwa watsapu bitiriye abanyamuryango ba APE Rugunga, aho batambukiriza amagambo y'urwango, gusebya no gutuka abayobozi b'umuryango ndetse no kwangisha abo bita abanyamuryango ingamba ikigo cyashyizeho hakurikijwe gahunda ya Leta.

v. Aho Komite Nyobozi iboneye ko imvururu zatejwe na Komisiyo Ngenzuzi, zifashe indi ntera; hitabajwe Komisiyo Nkemurampaka ngo ibe yakora ubuhuza. Ubutumire bw'igihe cyo guhura bifuje bwatugezeho ku wa mbere tariki ya 16/01 dusubiza tariki ya 17/01/2023 tugaragaza imbogamzi ko benshi mu bagize Komite Nyobozi batazaboneka mu nama bifuje yo ku wa 18/01/2023. Iyo baruwa yasabaga Komisiyo Nkemurampaka gutegura undi munsi wa vuba cyane bikamenyeshwa mbere ngo habeho kwitegura neza kw'abatumiwe bose. Gusa byarirengagijwe aho agatsiko gakuriwe na Komisiyo Ngenzuzi kaje mu kigo gateza imvururu mu bashinzwe umutekano w'ikigo.

vi. Tuributsa ko mu mvururu zatejwe harimo no gutegura inama zitemewe aho bateguye inama yari kubera muri hotel imwe mu zibarizwa mu kiyovu, gusa yaje kutaba kubera kutuzuza umubare (Quorum)

vii. Havugwa kandi guteza imvururu mu ngo z'abitwa abanyamuryango aho bajyaga mu ngo babaka ibyangombwa byabo ngo buzuze 1/3 cya quorum y'abanyamuryango kandi umubare w'abanyamuryango bose bemewe n'umuryango APE Rugunga kugeza ubu urimo kwegeranywa na Komite Nyobozi y'umuryango APE Rugunga.

viii. Nyuma y'amagambo agumura abarera mu rwunge rw'amashuri rwa APE Rugunga; inzego z'uburezi mu Karere ka Nyarugenge, n'umurenge wa Nyarugenge, inzego

z'umutekano ndetse n'inzego z'ubuyobozi bwite za Leta (ES Nyarugenge sector, Kiyovu Cell) zatumije inama yahuje inzego zose z'umuryango ndetse n'ubuyobozi bw'ikigo ngo haganirwe ku biteza izo nduru na cyane ko amakuru menshi bari bayafite bayahabwa n'abayakuye kuri za mbuga nkoranyambaga za watsapu. Imwe mu myanzura yafashwe,

1. hasabwe abashinze izo mbuga kuvuguruza amakuru y'ibinyoma batangaje, gukangurira abo bahurira kuri izo mbuga kwitabira gahunda z'ikigo kandi bagahita bafunga izo mbuga.
2. Undi mwanzuro wahawe Komite Nyobozi yo kwicara igacoca ibyo bibazo, yarangiza igatumiza amakomisiyo yose mbere ko hatumizwa inama y'inteko rusange
3. Hasabwe ko Komisiyo Ngenzuzi ikosora raporo yakoze iyita igenzura hanyuma igashyikirizwa Komite Nyobozi ngo bayiganireho mbere ko igezwa mu nama y'inteko rusange.
4. Gusa ntabwo byubahirijwe.

b. Gutangaza ko habayeho kutubahiriza ibikubiye mu mategeko agenga umuryango byatangajwe n'umujyanama mu mategeko wa Komite Nyobozi aho yavuze ko inama idasanzwe itari kuba yibaza isanzwe igihe izabera yirengagiza ibyo umuvugizi w'umuryango yasobanuye hagamijwe guteza imvururu mu nama ikindi akaniyemerera ko yatowe atarigeze asaba ngo yemererwe kuba umunyamuryango (ibi tukaba tubibona mu mugambi muremure bari bafite wo kuzagaruka kurangiza gahunda yabo yo kuguza miliyari 5 abanyamuryango batabizi).

c. **Abagize ako gatsiko kayobowe na Ngenzuzi bagaragaje kutishimira inyigo zakozwe n'ikigo** mu rwego rwo kubahiriza gahunda zashyizweho na Leta kandi zigendanye n'ingengabihe y'amasomo.
   i. Izo nyigo ni igendanye na school feeding
   ii. No kuzamura umushahara wa mwarimu hongerwa amafaranga y'ishuri

d. **Uko tubona ibi bintu byakemuka:**
   i. Gushyira mu bikorwa inama zose twagiriwe n'inzego z'uburezi ndetse n'inzego z'ubuyobozi bwite za Leta mu karere ka Nyarugenge mu nama yaduhuje ku wa 26/01/2023
   ii. Gukurikirana abateje imvururu mu banyamuryango bakabihanirwa

iii. Gushyiraho ubugenzuzi buturutse hanze (external audit) bugendeye ku gihe cyagenzuwe na Komisiyo Ngenzuzi (**MUTARAMA 2019 – WERURWE 2022**), mu rwego rwo kwemeza ibyo babonye mu igenzura cg kugaragaza ko igenzura ryakozwe n'abatabifitiye ubushobozi ahubwo baje kuri mission y'ababatumye (Hazagenzurwa ubuziranenge bwa raporo Ngenzuzi yakozwe harebwe niba koko ibyo bavuga ko byanyerejwe ariko byagenze cg ko babeshye inzego z'ubuyobozi n'abanyamuryango.

iv. Gutumira inama y'inteko rusange nyuma yuko ibi bivuzwe haruguru byakozwe kugira ngo bahererwemo amakuru y'ukuri.

v. Uwitwa Mbarushimana Claudine yagaragaye mu gatsiko gateza imvururu kandi ari mu bagize Komisiyo Nkemurampaka, twifuza ko nawe yakurikiranwa by'umwihariko mu bimuvugwaho.

vi. Bwana GIHANA Antoine, nk'umujyanama wa Komite Nyobozi mu birebana n'amategeko ni umwe mu bahembereye amakimbirane agateza n' imvururu nu nama y'inteko rusange; mu gihe cyose twakoranye inama nka Komite Nyobozi ntabwo yigeze agaragaza imbogamizi mu mategeko. Ndetse n'umunsi wo gutegura inama y'inteko rusange; nta kibazo yagaragaje cyaba imbogamizi mu migendekere myiza y'inama. Turasaba ko nawe yakurikiranwa nk'umwe mu bateje imvururu.

2. Itegurwa ry'inama idasanzwe izaduhuza na za commission z'umuryango APE Rugunga:
   a. Hakurikijwe inama zaduhuje n'inzego z'uburezi mu karere ka Nyarugenge, ndetse n'inama twatumijwemo na RGB; bigaragara ko hari byinshi bizwi twe nka Komite Nyobozi tutazi. Mu bigaragara Komisiyo Ngenzuzi ntabwo yifuza kumva ibyo isabwa mu bigaragarira buri wese.
   b. Inama yatanzwe n'abashinzwe uburezi mu Karere ka Nyarugenge, nuko hakwiriye gutangwa raporo y'igenzura bakoze igashyikirizwa Komite Nyobozi mbere ko isangizwa izindi nzego ndetse n'inteko rusange
   c. Abitabiriye inama basabye ko haba nibura inama yahuza Komite Nyobozi na Komisiyo Ngenzuzi kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 11/02/2023 mu gihe Komisiyo Ngenzuzi yaba yaramaze kugeza kuri Komite Nyobozi raporo y'igenzura ryakozwe.
3. Ibintu n'ibindi:

a. **Ibyasabwe na RGB ndetse n'inzego z'uburezi mu mujyi wa Kigali mu magambo kuko nta nyandiko zabyo dufite (Gutumira inama y'ababyeyi no gutoresha Komite z'ababyeyi (PTC), ndetse no gutandukanya compte z'umuryango n'ikigo)**
b. Abitabiriye inama bemeje ko:
    i. Compte zitandukanywa ukurikije uko amazina yazo ari. APE Rugunga ikaguma ari iyo umuryango naho GS APE Rugunga igasigara ari iyo ikigo hamwe na compte ya uniform. Kandi ibi bikanakosorwa kuli application y' URUBUTO ikoreshwa mu kwishyuza amafaranga y'ishuri.
    ii. Abasinya kuri compte y'ikigo, hagomba gujyaho umwe mubagize Komite Nyobozi
    iii. Ikigo gisabwa kujya kigena umusanzu ushyirwa kuri compte y'umuryango APE Rugunga ungana na **miliyoni eshanu (buri gihembwe)** akazifashishwa mu mirimo isanzwe y'umuryango n'abanyamuryango ndetse no guhemba umukozi uhoraho uzaba ushinzwe ibikorwa by'umuryango nk'uko twabigiriwemo inama na RGB.
    iv. Indi misanzu yose itangwa n'abanyamuryango igomba kunyuzwa kuri compte y'umuryango.
    v. Ibi kandi bigakorwa vuba bishoboka bitarenze icyumweru kimwe.
c. Ikibazo kigendanye na **Komite z'ababyeyi** nkuko biteganywa n'itegeko rigenga uburezi mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye ndetse n'imyuga. Abitabiriye inama basabye ubuyobozi bw'ikigo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabyo vuba bishoboka
d. Ku byerekeye akanama k'amasoko, twibutse ko mu kigo hari comite de gestion ifite mu nshingano kwiga no gutegura amasoko. Dusanga rero ko akanama k'amasoko kadakenewe.
e. Inyandikomvugo y'ikigo (report) yo ku wa 30/01/2023 yakiriwe mu buyobozi bw'umuryango uyu munsi tariki ya 04/2/2023, ivuga ku myitwarire idahwitse yaranze abarimu babiri aribo Mr. Frederic NIYIRORA na Mme Marthe NYIRAMINANI aho basabirwa gusezererwa kubera amakosa bakoze; abitabiriye inama basabye ubuyobozi bw'ikigo kubikora hakurikijwe amategeko bakazageza umwanzuro kuri Komite Nyobozi.
f. Hakiriwe kandi inyandiko y'ikirego yatanzwe na Cantine GIRAMATA ihagarariwe na Bwana Moise SINDAYIGAYA isaba kwishyurwa igihombo cyaturutse ku kutubahiriza amasezerano; abitabiriye inama ntabwo babonye umwanya wo kuganira kuri iyi baruwa, ikazigwaho mu nama itaha.

Inama isoje imirimo yayo saa moya n'igice z'umugoroba (19.30)

ASSOCIATION DES PARENTS POUR L' EDUCATION (A.P.E)
GROUPE SCOLAIRE APE RUGUNGA
NYARUGENGE - KIYOVU/ KN 16 AV 63
*E-MAIL : aperugunga2002@yahoo.fr*
0799366417/0799366418

**EXECUTIVE COMMITTEE OFFICE**

**Abitabiriye inama:**

Iyi nama yatumiwemo abagize Komite Nyobozi bose, ariko hitabiriye gusa abagize biro abatayitabiriye, nta numwe wagaragaje impamvu.

Abayitabiriye ni aba bakurikira:

1. Mme DUSINGIZIMANA Médiatrice, Representant Legal
2. Bwana NTABARESHYA Albert, Treasurer
3. Bwana RUKUNDO Théoneste, SG

N.B: Mr. GIHANA Antoine, Legal Advisor, ntabwo yatumiwe mu nama kuko mu nama iheruka twakoze tariki ya 21/01/2023 yasohotse avuze ko nta nama nimwe azongera kwitabira ndetse yanze gushyira umukono kuri list y'abitabiriye iyo nama byagaragaye nko gusuzugura cg se kudashaka kuba muri Komite Nyobozi cyane ko no mu nama yaduhuje na RGB yavuze ko atigeze aba umuryango ibi bikaba bishobora kuba ari byo akaba yarashyizwe muri komite na Komite yari icyuye igihe ikamuha mission cg akaba yibeshyera kuko Atari gutora Atari ku rutonde rw'abanyamuryango.

ASSOCIATION DES PARENTS A.P.E. KIGALI RWANDA P.O Box:120 POUR L'EDUCATION

Mme DUSINGIZIMANA Médiatrice
**Umuyobozi w'inama**